REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 19 Août 1970.
N° 422/51.10.00

Cabinet du Ministre de la Coordination des Affaires Administratives et Politiques à la Présidence.

BIMENYESHEJWE :
- Nyakubahwa Sekrateli Egzektifu wa M.D.R. Parmehutu i GITARAMA.-
- Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Ubucamanza i KIGALI.-

Kuli Bwana Prefe wa Prefegitura i B Y U M B A.-

Kuli Bwana KAYIJUKA Kareli i BYUMBA.-

Bwana Prefe,
Bwana Kayijuka,

Inzandiko zanyu zimaze kuba nyinshi kandi uzisuzumye agasanga zituruka mu mibereho yanyu bwite (vie privée) ntabe zihuliye n'imilimo umuntu ashobora gukorera Igihugu cyangwa Ishyaka rya M.D.R. Parmehutu.

Ndabasaba kudakomeza kuvanga ibintu mwandikira abategetsi b'Igihugu bose cyane cyane Nyakubahwa Prezida wa Republika ufite aho yashinze gusuzuma buli kibazo cyose mbere yo kumutabaza.

Mushobora kuzagwa muli subversion nshya idafite icyo yungura amajyambere y'Igihugu na rubanda rugufi ndetse namwe ubwanyu.

Inzandiko zanyu zirerekana ko mugiye kuziyandalika.

Nakekaga ko mushakoye kumenya umutegetsi ushobora kurangiza ikibazo cyanyu niba mudashobora kwoherana kuko alike umuparmehutu nyawe abigenza aho kubunza udupapuro mu bategetsi b'Igihugu.

Athanase MBARUBUKEYE,
Ministri.

Dossier Kayijuka-Rugerinyange

Byumba le 23 juillet 1970

Bimenyeshejwe ba Nyakubahwa,

-Prezida wa Repubulika y'u Rwanda i Kigali
-Prezida w'Inteko ishinga amategeko i Kigali
-Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga i Nyanza
-Ministri w'Ubutegetsi n'Ubucamanza i Kigali
-Ministri w'Ingabo z'Igihugu n'Abapolisi i Kigali
-Diregiteri Jenerali wa Surete i Kigali
-Secreteri Nyezekutifu wa M.D.R.Parmehutu i Gitarama
-Secreteri Regionali wa M.D.R.Parmehutu i Byumba
-Ministri ushinzwe ibya Politiki n'Ubutegetsi i Kigali

Kuli Nyakubahwa Bwana Prefe wa Byumba
RUGERINYANGE Jean,

Bwana Prefe,

Nkulikije ibaruwa nakwandikiye kuwa 19 yuli 1970,nkumenyesha amahane abana n'ababoyi b'iwawe bali bateye umugore wanjye,kandi bamutegeye mu nzira ku manywa abantu benshi babireba,nkabikumenyesha ngira ngo ubishakire umuti;ukanga kubyumva,bikantera kukwandikira,kuko umugore atajyaga kugilirwa atyo ngo ndekere aho,ngushimiye cyane ibaruwa yawe wanyandikiye le 20 yuli 1970,isubiza iyo yanjye. Ikintangaza aliko,nuko ibyo nakwandikiye atali byo unsubiza;ahubwo ukishimira kumpimbira no kwerekana ko unyanga koko,aliko u Rwanda ruli mase,nizeye ko ubutegetsi atali wowe bugarukireho gusa. Nk'uko ubivuga,koko ufite imilimo myinshi na njye ndabizi,niyo mpamvu ntiliwe nkwandikira byinshi kuko ibyo wanditse bihagije.

Nizeye ko abo wabimenyesheje,ali wowe ali na njye, ntawe batese kubera muli twe,ko bazabikulikirana,bakamagera aho ukuli gushingiye.Naho ibyo undega byose,Imana niyo ibizi yo ireba byose.Kandi n'ababigenewe bazabigeraho.

Kayijuka Charles.

Byumba le I9 yuli I970.

Bimenyeshejwe:

-Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Ubucamanza i Kigali
-Ministeri ireba ibya Politiki n'Ubutegetsi i Kigali
-Secretariat Exécutif National du M.D.R. Parmehutu i Gitarama.
-Direction Générale de la Sûreté Nationale à Kigali
-Secretariat Régional du M.D.R. Parmehutu à Byumba

Kuli Bwana Préfet de Préfecture
à
B Y U M B A

Bwna Préfet,

Kuva taliki ya 6 yuli I970,urugo rwanjye ntirwagize amahoro,kubera abana bawe,ababoyi,ababoyikaze b'iwawe.Abana banjye ntibashoboye kwiga neza no gukora ibizamini mu mashuli,kubera gutegerwa mu nzira,bagaterwa amabuye,bagatukwa,bagakubitwa.Umugabo ni Camp Policiers y'i Byumba, aho bahoraga bahungira buli munsi.Ubwo byavuye mu bana biza iwanjye mu rugo.Kuva taliki ya II yuli I970;kugera taliki ya I5/7/70;urugo rwanjye ntirwigeze rugira amahoro.Abana bawe,ababoyi,ababoyikazi,bagatera amabuye,bagatukana,kugera n'igihe batinyuka gutera kugera imbere mu rugo.Taliki ya I5 yuli I970,barateye,bansanga imuhira,batera amabuye, batuka biteye isoni,ubwawe ubyimenyera nterabikubwira,nje kubikubaza, umbwira ko wabahanye,kandi ko batazongera,ndabyemera ngira ngo nikoko!! Taliki ya I7/7/70,ubwo nali i Kigali,batera saha ya I2 nimugoroba, batera amabuye,ibice by'amacupa,ibimene by'ibirahuli,abali mu rugo bose, bifungiranira mu nzu,kugera nijoro.

Taliki ya I8/7/70:kuwa gatandatu :Isaha ya 4 n'inusu,ku manywa, umugore wanjye bamutega ajya ku isoko,bamutegera imbere y'inzu yawe, abali mu isoko bose babireba,abakozi bo kuli Prefegitura babireba, bamutera amabuye,bamutuka bitavugwa,ababirebaga barumirwa,bamubuza kujya ku isoko,kugera igihe ahungiye kuli Commissariat de la Police. Abakozi bo kuli Prefegitura:Bihezande,Butegwa,Agent de la Sûreté n'abandi,barabirebaga.Ubwo aho maliye kubibona nahise nza kubikubwira,Député Rusiyani n'abasuprefe barandebaga.Aho kugira ngo ujye kubivura, uransubiza ngo ntufite umwanya wo kujya muli ayo manjwe.Ubwo wowe ali nk'umugore wawe uterwa amabuye,ku musozi,mu isoko;ku manywa, wakora iki?Ubwo wamaze kubyanga mpita njya kwitabaza Commissaire,ambwira ko adashobora kujya mu bintu biturutse ibukuru.Njya kwa Substitut nawe aba aliko ambwira.Njya kubisobanulira Agent de la Sûreté,nawe ambwira ko ntakundi yabigenza.Ubwo umugore wanjye waterwaga amabuye,yajyaga kurengerwa nande utali wowe kandi biturutse iwawe,ko abandi bali bamaze kubitinya???

Ibyo byose bikomoka hehe,biterwa ni iki?

Mu mwaka w'i I966,umaze kugera i BYumba,Madamu wawe,yavuze ko ali ngombwa gutura mu nzu yanjye,ngo niko bigenda ku muprefe usimbuye undi.Aliko u/////
ubwo mwibagiwe ko inzu nali narayiguze.Nibwo inzangano zitangiye, kumbeshyera,kunteranya,kumpimbira,kundega ibinyoma,kuncira amarozi, kumfungisha,mbese ibibi byose bishobora kubaho.Ibyo ndabyihanganira. Mubonye ko nanze kuhava,mubona ko Ibitoteza,alibyo byatuma ntoroka nkava i Byumba.Ubwo nibwo mutangiye,gutoteza abana banjye n'umugore, nanjye kandi mutandetse!!! Ubwo amaherezo azaba ayahe.Ubwo kuntoteza, niko kuli?niyo demokarasi?Ntubona ko ukwiye kundengera aho kuntoteza? Icyaha nakugiliye,cyangwa nkugilira,wakindeze tugakiranuka,bikarangira? Usaha se ko ntaba muli Byumba,simbyanga,aliko urazane icyemezo kiguha ububasha bwo kunyimura no kumenesha iwacu,icyo gihe nzabyemera,unyereke n'igihugu mpungiramo.Gutoroka gusa,ntaciliwe urubanza,sinabishobora! Ibyabaye taliki ya I8/7/70;mutera umugore wanjye,bizwi n'abantu benshi: Commissaire,Substitut,Député Rusiyani,hamwe n'Agent de la Sûreté; n'abandi benshi babirebaga cyangwa babibwiwe.

Nizeye ko abashinzwe amahoro y'u Rwanda n'abaturage barwo, batazabura gukulikirana ibyo bintu,bakareba icyo unziza,kandi nkaba niyemeje ko nibasanga alijye ugukubaganira,nzemera ibihano.
Ubundi imilimo ni myinshi,maze rero,guhora mu mahane y'iwawe,aturuka mu rugo rwawe,nkaba ntabibonera igihe buli munsi.Abana banjye kandi nabo,ni abana ba rubanda rugufi,bagomba gukora bagafatanya na se na nyina,kugira ngo babone ikibatunga.Nibahora mu by'indwano z'iwawe, ngo bazabone ibibatunga.Nkaba ngusabye nkomeje,bikubitiyeho ko ali nacyo ushinzwe,amahoro ku giti cyanjye,amahoro ku bantu banjye n'amahoro mu rugo rwanjye.Kayijuka Charles.

Byumba,le 20 Yuli I970

Bimenyeshejwe ba Nyakubahwa :

-Prezida wa Republika y'u Rwanda i Kigali
- Prezida w'Inteko ishinga Amategeko i Kigali
-Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga i Nyanza
-Ministri w'Ubutegetsi n'Ubucamanza i Kigali
-Ministri w'Ingabo z'Igihugu n'Abapolisi i Kigali
-Diregiteri Genełali wa Surete i Kigali
-Secrétaire Exécutif wa MDR.PARMEHUTU i Gitarama
-Secrétaire Régional MDR.PARMEHUTU i Byumba
-Ministri ushinzwe ibya Politiki n'Ubutegetsi i Kigali

Halimo guhimba no kwirata bitlungiye ku onafuti yitwaza amazina y'abantu bali ku butegetsi

Kuli KAYIJUKA Karoli
i BYUMBA.

Nihutiye gusubiza ibaruwa yawe yo kuwa I9 yuli I970.- N'ubwo ntajyaga kuyisubiza bwose,kuko isubira mu binyoma usanganywe,kandi amayeli yose mwatangiranye na UBALIJORO akaba ayo kurangaza imilimo,gusebya gutukana no kubeshyera Abategetsi bahagaraliye Abakuru b'Igihugu,mushaka gusa kwitukira Abategetsi bakuru cyane cyane Prezida wa Republika nk'uko byabagaragayeho igihe cya ya Raporo yo kuwa 29 octobri I968,ubwawe ukaba warabyiyerekaniye nyine muli iyo raporo kuli annexe V yandikiwe i Kigali kuwa 9 Yuli I968,ukabigaragaza no mu bikorwa byawe byinshi,uwasoma iyo numero wanditse,n'izindi zanditswe zose mu binyamateka,yamenya biteruhije icyo uhishe ku mutima.....

Gusa mpinire muli aya magambo akulikira :

I.-Igihugu cyose cyizi imyifatire yawe na bagenzi bawe bose.Imigambi mufite na nubu n'ubwo musa n'abavuga ngo mwasubiye muli Parti,nuko muzi gusa ko ali inkingi irengera rubanda rugufi,kuko ejo niho mwarwanyaga abarwanashyaka b'Imana,mugira ubwoba muriregura none mutangiye kumera andi mahembe. Hanze birazwi, biragaragara.

2.-Igihe kirageze,kandi biraboneka mu magambo muvuga hanze kuko mushaka gutanga za candidatures zo kuzaba ba Bourgmestres ngo mwongere mutangire politiki,utunama tw'ijoro,twihereraye se, amayeli yo kwiyegereza abantu,ayo gutandukanya abantu,ayo gusesera kugera no mu ba Polisi b'Igihugu,kugabanya abakozi ba Leta mo kenshi ngo mukunde mubone aho ubutiliganya bwanyu bwinjilira, byose birazwi,kandi nanjye ushinzwe kubireba ino hamwe na bagenzi banjye,n'abaturage barabizi.

3.-Igihe cy'itora ry'Abadepite,muli Komini ukomokamo,n'aho Ubalijoro yatwaye siho habonetse amagorwa cyane,iwanyu biba amasanduku y'itora n'abandi mufatanyije ayo mayeli,bagafatwa bagafungwa, umuboyi wawe siwe wafashwe mbere,mukamutangira ibihano ?Ahandi siho habonetse impapuro z'itora zituka nabi Prezida wa Republika ?Icyo mwitwaza ubu niki ?Ibyo byose ntibyakozwe ku mugaragaro ? Nimubihishe se ?

4.-Igihe ufunzwe na Parquet wali wakoze iki ?Watutse muli Bar,abategetsi,cyane cyane Ministri HALERIMANA Gaspard,I.P.J.Ntiyakoze rapport kwa Procureur ntihali ? Muli Parquet y'ino ntihali ? Sinyifite se ?Nubu kandi ukomeje ibikorwa ukora abashinzwe kugenzura ibyaha bazabikulikirana.

5.-Ibyo uhimbira Madamu wanjye ngo yavuze ko ugomba kwimuka,kandi ngo hali muli I966,n'ibindi umugerekaho byose ntabisubiyemo ibyo urabeshya kuko tukigera ino mu kuli nta nzu ya Préfet yali li ihali,kandi ugura iyawe,ntiwategenyije iy'uwagusimbura biramutse bibaye......Ubwo dufata inzu yali iya Substitut.Tumerewe neza muli iyo nzu,sinzi icyatuma twifuza iyawe wiguliye.Ubwo se ntubona ko ali ibinyoma no gusebya abantu,kugira ngo

..............//.............

nutangilira ku mugore wanjye byose bibe bibi mu gasozi,mu butegetsi,nabo dukorana ?Simpanura,ngira ngo ahali kera iby'ayo mazu bizasubirwamo....

6.- Muli Parti M.D.R.Parmehutu bajya kugukura mu buyobozi,waziziki ?

a) Muli annexe V wanditse muli ya raporo,wanditsemo ko Préfet na Lieutenant nta kindi bakora kitali ukwica abantu,utanga n'amazi yabo. Ugiye kuyatanga utanga abo mufatanyije amatiku n'ubutiliganya.Ugerekaho,gusebya Ingabo z'Igihugu ngo n'abishi,alibo barengera igihugu cyose.

b) Icyo gihe kandi icyo wazize cyane cyane,nuko wakoresheje abatutsi b'abarunali,ubwawe ukabivugira kugira ngo ukunde ugere ku matiku yawe yo gusebya ingabo z'Igihugu.

c) Wavuzemo ko ngo hali ikipe wali ufatanije na UBALIJORO ngo mbabeshyera ko mushaka gukuraho Leta.Ntiwibuka se wowe uko byagenze ?Ko ~~se~~ aluko mutabishoboye,kuko hali abagabo bakomeye ku Gihugu,kuli Parti no kuli Leta yacu,no kubategetsi bacu?

d)Ubuse wasubiye mu buyobozi bwa Parti,icyo gihano ntukikilimo.

7.- Imyifatire yawe icyerekana ko ali mibi rwose n'ibyo wivugira ubwawe,uricira urubanza rwose.Kuko wagerageje ko imitegekere yanjye muli Byumba iba nabi,kuburyo bwose,ishyali n'iryo watangiranye,n'ubu niryo likugenza,bituma :

a) Equipe wali ufite y'Abakozi ba Leta yali igabanyijemo kenshi,bamwe bawe b'i Rulindo, abandi nabo bagasa nk'aho utabahawe n'igihugu ngo mukorane.

b) Aho ~~bab~~aliye gutungana,uraca hirya no hino ngo wongere ubagabanye, byakunanire buhoro buhoro ukamanuka kugera ku mugore n'abana...... Izindi ntwaro usigaranye zikomeye ni izihe ubwo wamanutse kugera mu bana ?

c) Ibyo uvuga ko abana bateye Madamu wawe amabuye ngo abo mwisoko bose barabibonye,isoko liba imbere y'iwanjye se ?Abakozi ba Leta se uvuga babibonye,ntibakora mu biro bashinzwe bahora hanze bareba icyo ~~iyo~~ umugore wawe yaba.Abatema ubwatsi ko alibo bali hanze hafi ndetse ubu ubabajije ntibakubwira ko ali ibihimbano ?Kujya kwa Komiseri,kwa Substitut no kwa Agent wa Surete ntubona wowe ko arukujarajara no gushakisha ibinyoma ?Kuki se bo batabikulikiranye ubwo bali- mo ukuli ?Si wowe uvuga ko bakubwiye mu kinyabupfura ngo ntibagiye mu bintu biturutse i bukuru ?Iyo bakunanira se ukajya mu nkiko ntizihali ?Parmehutu se ntizicaje neza ?Uretse urwo wirukiragamo mu matiku uzi ko uhasanga ugushoborera ibintu ? None lero abo bakozi waregeye ntibagire icyo bakora Leta ikwiye kubashyiraho icyaha kuko batakoze umulimo wabo. Bantinyiki ? Inka ya KAREKEZI Sinayiburanye,kandi ali mwe mwashanditse urubanza ?Kuvuga ko Député Luciyani yabirebaga,yabonye batera umugore wawe amabuye ?Naje mushaka tuli mu myiteguro y'umunsi mukuru wa 10e anniversaire ya Révolution Sociale,umbwira ndi jyenyine,igihe nvugana na Depite,na Bourgmestre,na Sous-Préfet GATWABUYEGE ,ukoranya équipe usanganywe ba : UBALIJORO NSENGIYUNVA wali waje ino n'abandi uhiga ngo uzica umwana umwe ali uwanjye ali n'uwawe ngo uzaburane n'intumbi,hali umuntu ujijutse utali umuturage gusa uvuga bene ibyo ?Mbonye uvuze utyo nibwo nkubwiye ko ntagurana umulimo wa Leta ayo manjwe.Nibyo kandi nubu ndacyakomeye ku gitekerezo cyanjye sinzagurana umulimo wa Leta amatiku n'ubutiliganya bwawe,n'abandi mufatanyije nibwo butwali bwatumye mbananira

8.- Kugutorokesha muli BYUMBA iwanyu.ibyo nugukabya cyane,kandi nukunyereka ko uli iwanyu.Mutagatifu Paulo niwe wavuze ati :Niba uvuze ko uli UMUHEBREYI,nanjye ndiwe.waba umuromani nanjye ndiwe...Ibyo rwose nta bwoba byantera,gusa nuko ubeshya ngo ndagutorokesha,igihugu wahungira nk'uko ubyifuza,nakikurangira ubyemeye.. Hitwa : "UBWITONZI "

9.- Kujegeza ubutegetsi nahinzwe muli BYUMBA,n'iyo Programme yawe n'abo mufatanyije,aliko ngira ngo nganyije nawe imyaka mu butegetsi igihe wali ino Urabye ibikorwa bimaze kwiyongera muli BYUMBA,ntiwali uhali se muli iyo myaka ?Ibiro byaza Komini byali byaraheze,bimaze kuzura hashize imyaka ingahe bihali ? Ibyali byatakaye nibingahe ?Ishyali kuko bigendeka neza kurusha igihe wali uhali niryo likora biliya byose.

............////..............

I.- Iby'amarozi uvuga nabyo, iyaba utiliwe ubivuga, biranshekeje cyane kugira ngo umugabo avuge iby'amarozi.......Maze ubwo wabivuze, ukaba ubabajwe n'umwana waniye wanduriye iwawe, ngushimiye izo mbabazi ngasaba n'imana ngo izajye ibyibuka izabiguhembere cyane, kuko ali igikorwa cyiza ukora wibuka ibyo, byabaye kuwa II Février 1956. Ubizi kukurusha ni Nyakwigendera POTOR, na Ministri MBARUBUKEYE akili Secrétaire Général mu Butegetsi, we wagumye iwanjye kugeza sa tanu y'ijoro yanze kudutana umwana upfa. Ababizi kandi n'ababyeyi ba bo batagiriye umwana imbabazi bamuvuza kuko batali bamukunze. Nakwibutsa kandi za mpapuro mwanditse muvuga ko na Nyakubahwa Prezida wa Republika yaje gucunisha iwanjye mukazikwiza hose, n'ibyo mwageretseho byose ntavuga. mujye mwihemukira mureke Abakuru batubyara, mureke n'abo muva indimwe......

II.- Uvuga ko byose wihanganiye kubyakira...Ahubwo njye ndemera ko wihangana koko. Umuntu ureba amakosa angana atyo yose, wakoreye igihugu, ubutegetsi, Parti, bigera mu bavandimwe, ukaba ugitinyuka no guhimba ibindi, no guteza abana abandi ngo barwane, aliko kwihangana kwawe kurarambera, x ubwo usigaye ushakisha imbaraga mu bana no munteranya.

Henga ndekeraho rwose kuko igihe cya Leta kihatakalira, gusa menyesheje Abategetsi bantumye hano ko ibyo uvuga byacitse muli BYUMBA ali ibyawe wenyine na ka équipe kawe gatoya cyane gasigaranye ndetse ubwoba ndetse bwiyongera muli iki gihe....uhungire muli cya Gihugu nakugiriyeho inama cyitwa " UBWITONZI "

Abaturage bameze neza, abakozi ba Leta bameze neza, imilimo iragendeka neza kurusha igihe wali uhali, imbaraga zawe ntizigishoboye guhagalika aho imilimo igeze, nkugira inama wacumbika, ugafasha intwaro hasi. Ubimenyeshe na bagenzi bawe bose.

Icyo wakwitondera muli iyi minsi ahubwo :

a) Kwilinda kugabanya Abapolisi ba Leta mo ibice byinshi si abawe ni ab'Igihugu, ubuvandimwe ntibwinjira aho ngaho.

b) Kubeshya no kubeshyera abandi ukuliriza ikitabaye, cyangwa se ugashakiliza icyateranya abane n'abagore, wibagiwe se ko tuva inda imwe ?

c) Kwilinda gukwiza mu misozi ko ugiye gutangira indi politiki ukazaba Bourgmestre wa Tumba, Ubalijoro akaba uwa Rubona na babandi wanditse muli ya Annexe V. ya raporo umwe ukwe akajyaho, ba NDAZIGARUYE utumye Komini MUVUMBA ibura amahoro ngo muli kumwe, nyamara yicaye hamwe yaba neza, n'abandi n'abandi.....Kuko icyo gihe utanze Parti ibitekerezo byo gutegura itora, utanze Prezida wa Parti kwemeza ibyo bazemeza mw'itora, utanze Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'ubucamanza kuzuza ibyo Prezida wa Parti n'uw'igihugu azaba yemeje

d) Hana abana bagume hamwe wibinjizamo inzangano, wibigisha gukubagana no gutukana, wabonye ko umwe mu banjye witabaye kandi kwitabara ali ngombwa, umuhoyi umwe naramwirukanye tubyemeranije, ngira ngo biracogora, wowe wirukanye nde ?Abacumbitse iwawe sibo babica ?Bigenze bityo rwose wabonako agasigisigi kali muli BYUMBA ko kuvundira Ubutegetsi gusabya ubutegetsi, kubiba imbuto mbi mu baturage no mu bandi ngo karashira rwose.

Amahoro meza.

LE PREFET DE PREFECTURE
RUGERINYANGE JEAN.-

Rugerinyange